

ISENGESHO RY'IGISIBO CYA 2012

Nyagasani Mana yacu, ku bw'impuhwe zawe, waduhaye Umwana wawe Yezu Kristu ngo tukumenye, tugukunde, utubere Umubyeyi, tukubere abana.

Turakwinginze, rebana ubugwaneza Kriziya y'isi yose, uyihe guhora yivugurura, ikomeze irangwe n'ubumwe, urukundo n'ubutabera bigukomokaho iyobowe na Roho Mutagatifu.

Papa wacu, Benoît XVI n'Abepiskopi bose ubahaze urumuri, ubwenge, imbaraga n'ubushishozi, bayobore imbaga wabaragije ntawuzimiye.

Abasaserdoti, ababikira, n'abiyemeje kukwiyegurira bose, ubahe guhoza ku mutima isezerano bakugiriye nta gahato maze baharanire kuzuza ugushaka kwawe muri byose n'igihe cyose.

Ingo zose uzihe umugisha, abashakanye babane mu bwumvikane n'ubudahemukirana, barere abana babo gikristu.

Urubiruko urukomeze mu kwemera, rurusheho kukumvira no kugukunda, Yezu Kristu arubere Inzira, Ukuri n'Ubugingo.

Abakristu bose n'abatuye iyi si bose, ubahe gushakisha amahoro n'amajyambere mu bumwe no mu bwumvikane maze twese abana bawe, twisunze Umubyeyi Bikira Mariya, tujye mbere mu kwemera, twamamaze Ingoma yawe y'urukundo mw'ituze.

Tubigusabye kubwa Nyagasani Yezu Kristu, Umwana wawe n'Umwami wacu, we mubana mugategekana mu bumwe bwa Roho Mutagatifu ubu n'iteka ryose, amina.

Prière à réciter durant le Carême 2012

"Seigneur notre Dieu, par ta miséricorde tu nous as donné Ton Fils Jésus-Christ pour que nous puissions te connaître, t'aimer, pour que tu sois notre Père et que nous soyons tes enfants.

Nous te supplions, regarde avec bonté l'Eglise dans le monde entier. Sous la conduite du Saint-Esprit, donne-lui de s'améliorer sans cesse et de se caractériser sans cesse par l'unité, l'amour et la justice provenant de Toi.

Donne à notre Pape Benoît XVI ainsi qu'à tous les Evêques plein de lumière, d'intelligence, de force et de discernement. Qu'ils dirigent l'assemblée que tu leur as confiée sans que personne ne s'égaré.

Donne aux prêtres, aux religieuses et à tous ceux qui ont accepté de se consacrer à Toi de garder à l'esprit l'engagement qu'ils ont pris envers Toi de leur plein gré. Qu'ils luttent pour accomplir ta volonté en tout et à tout moment.

Bénis les ménages. Que les conjoints vivent en parfaite entente et en toute fidélité et qu'ils éduquent leurs enfants dans les valeurs et la foi chrétiennes.

Renforce les jeunes dans leur foi, qu'ils puissent t'obéir et t'aimer davantage. Que Jésus-Christ soit pour eux Chemin, Vérité et Vie.

A tous les chrétiens et à tous les habitants de la terre, donne de rechercher la paix, la prospérité dans l'unité et dans l'entente. Et que nous tous tes enfants, avec l'aide de notre Mère la Vierge Marie, nous puissions aller de l'avant dans la foi et proclamer en toute sérénité ton royaume d'amour.

Nous te le demandons par notre Seigneur Jésus-Christ, ton Fils et notre Roi, qui vit et règne avec Toi dans l'unité du Saint-Esprit, maintenant et toujours. Amen."

Carême de l'année 2012

Cheminons ensemble, nous les amis de la Vierge Marie Notre Dame de Kibeho

Le carême de cette année commence le 22/02/2012 (le mercredi des cendres). Nos intentions pour le Carême sont réparties sur 9 semaines telles que reprises ci-dessous.

Semaine du 22/02 au 26/02 : Conversion et avoir la Foi dans nos engagements spirituels et dans nos prières.
(Ce à quoi je m'engage, est-ce que j'y crois sincèrement?).

Semaine du 27/02 au 04/03 : Seigneur, augmente en nous la Foi, l'amour, l'unité et la charité.

Semaine du 05/03 au 11/03 : Seigneur, renforce en nous le courage et l'endurance.

Semaine du 12/03 au 18/03 : Seigneur, augmente en nous le sens du don de soi dans l'humilité.

Semaine du 19/03 au 25/03 : Marchons dans la vérité et la sincérité.
Evitons le mensonge et l'hypocrisie.
Cherchons à construire au lieu de détruire.

Semaine du 26/03 au 01/04 : Sachons pardonner inconditionnellement et à notre tour, demandons pardon pour nos agissements et nos manquements.

Semaine du 02/04 au 06/04 : Prier et jeûner en accompagnant Jésus qui nous invite à nous unir à Lui.

Semaine du 06/04 au 15/04 : Neuvaine de la Miséricorde Divine (voir le livret y relatif).

Semaine du 16/04 au 22/04 : Remerciements et actions de grâce. Réparations et nouveau départ.
Marchons avec le Christ, dans la Foi et la Confiance.

N.B. : Durant le Carême, invoquons l'Esprit-Saint pour nous éclairer et nous guider.
Invoquons aussi Saint Michel Archange pour qu'il nous aide dans ce combat.

AVMDKI